Maahanmuuttovirasto
Migrationsverket
Finnish Immigration Service

TURVAPAIKKA-, MAAHANMUUTTO- JA KOTOUTTAMISRAHASTO
Euroopan unionin tuella

Ibazwa rya Dublin hamwe n'umuntu utagejeje imyaka y'ubukure kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland

Utumiwe mw'ibazwa kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland. Aya mabwiriza arasobanura uburenganzira bwawe n'inshingano ufite mw'ibazwa. Yasome neza uri kumwe n'umuntu uguhagarariye. Niba hari ikintu kidasobanutse, baza uguhagarariye cyangwa umu-kozi wa Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ibazwa rigitangira kubw'ibindi bisobanuro.

Iri bazwa rigamije iki?

- Wasabye ubuhungiro muri Finland. Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ntizatunganya ubusabe bwawe mu buryo bwimbitse kugeza igihugu gishinzwe gutunganya ubusabe bwawe kimaze kuboneka.
- Mw'ibazwa, uzabazwa amakuru yagira ingaruka ku mwanzuro wo gusuzuma ubusabe bwawe muri Finland, cyangwa kutagira icyo tubikoraho. Inshingiro ryawe mu gusaba ubuhungiro ntizaganirwaho muri iri bazwa.
- Igihugu kizasuzumirwamo ubusabe bwawe kigenwa n'uburyo bwashyizweho mu cyiswe Amabwiriza ya Dublin, ni kimwe mu bigize amategeko y'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi.
- Dushingiye kw'Ibazwa rya Dublin, Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izagena igihugu kikemura ubusabe bwawe ndetse niba ubusabe bwawe buzasuzumirwa muri Finland.

18.4.2024 – ruanda
Asiakasohje: Ilman huoltajaa olevan lapsen Dublin-kuuleminen Maahanmuut-tovirastossa

- Ibihugu bikoresha amabwiriza ya Dublin bikubiyemo ibihugu byose biri muri EU, Norway, Switzerland, Iceland na Liechtenstein.
- Ubusabe bwawe nanone bushobora kudasuzumwa niba waramaze guhabwa ubuhungiro mu kindi gihugu cya EU. Muri icyo gihe, Uburyo bwa Dublin ntibuzakugiraho ububasha ndetse intego y'ibazwa ni ukubona impamvu iyo ariyo yose yatuma ubusabe bwawe busuzumirwa muri Finland uko biri kose.
- Niba wifuza gusaba uburenganzira bwo gutura kubw'izindi mpamvu, ugomba gutanga ubusabe butandukanye n'ubu, uzabwishyurira ikiguzi. Izo mpamvu zikubiyemo kubana nk'umuryango.

Ni ubuhe burenganzira ufite mw'ibazwa?

- Uguhagarariye muzazana mw'ibazwa.
- Ufite uburenganzira bwo kuzana umwunganizi mu mategeko mw'ibazwa
- Niba ukeneye umwunganizi mu mategeko, uguhagarariye azagushakira uwagufasha mw'ibazwa. Niba uguhagarariye atakuboneye umwunganizi mu mategeko wagufasha mw'ibazwa, n'ubundi twakomeza ibazwa nta mwunganizi mu mategeko ufite.
- Umusemuzi azagufasha mw'ibazwa. Azagusemurira buri kintu kizavugirwa mw'ibazwa nta kubogama. Umusemuzi ashobora kuba ahari imbonankubone, cyangwa kuri terefoni cyangwa kw'ihuza rya videwo bishobora gukoreshwa mu gusemura.
- Ugukoresha ibazwa, umusemuzi, uguhagarariye n'umwuganizi mu mategeko bafite inshingano zo gufata ibanga. Ibi bivuze ko nta wundi wo hanze bashobora kubwira ibyavugiwe mw'ibazwa. Inyandiko zikwerekeyeho nazo zigomba kuguma ari ibanga. Dushobora guhisha amakuru yawe abo mu muryango wawe niba kubaha ayo makuru bishobora gushyira mu kaga cyangwa mu bibazo wowe cyangwa abawe. Ushobora kutubwira icyo uhisemo mw'ibazwa.
- Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ishobora kumenya, cyangwa gushakisha umurezi ugezweho. Umurezi wawe ugezweho bivuze umuntu ukwitaho mu gihugu cyawe cy'amavuko. Mu gukora ibi, tuzakoresha gusa amakuru ya ngombwa mu kumenya umurezi wawe. Mu gihe Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izamenya umurezi wawe, tuzakora ibishoboka

Ni izihe nshingano ufite mw'ibazwa?

- Ni inyungu zawe kuvugisha ukuri kuri byose bishobora kugira ingaruka ku busabe bwawe mw'ibazwa.
- Nanone ni inyungu zawe kuvuga ibikugoye.
- Kuvugisha ukuri. Niba hari ibyo utibuka cyangwa utazi, gerageza ugire ibyo usubiza. Ukwiye kutubwira gusa ko utabizi cyangwa utabyibuka. Uramutse utavugishije ukuri, ibi bishobora gutuma tutizera inkuru yawe.
- Vuga izina ryawe n'itariki yawe y'amavuko mw'ibazwa. Niba nta zindi nyandiko ufite zihamya ubwirondoro wawe, ugomba gukora ibishoboka ukabona izi nyandiko maze ukaziha Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland. Ingero z'izo nyandiko ni inyandikondangamuntu cyangwa inyandiko z'urugendo. Nyamara, Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ntiyatuma ugira icyo ukora cyashyira mu kaga, wowe cyangwa abawe, uri gushaka izo nyandiko. Uramutse ushatse guhindura amakuru yawe bwite nyuma, uzasabwa pasiporo cyangwa ibindi byahamya by'umwirondoo bitangwa na leta.
- Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ibika amakuru yawe bwite n'ishingiro y'ubusabe bwawe muri sisitemi y'imicungire y'ubusabe ku bibazo by'abimukira, iyo ni inyandikompamo ya leta. Gutanga amakuru y'ibinyoma mu nyandikompamo ya leta ni icyaha gihabwa n'amategeko. Muri Finland, abantu bafite imyaka 15 cyangwa bayirengeje bahanwa n'amategeko.
- Mu mategeko, gutanga amakuru bwite y'ibinyoma mu buyobozi ni icyaha gihanwa n'amategeko. Muri Finland, abantu bafite imyaka 15 cyangwa bayirengeje bahanwa n'amategeko.
- Turagusabye zirikana ko uramutse utanze amakuru y'ibinyoma, cyangwa guhisha amakuru y'ukuri, uruhushya wari wahawe ushobora kurwakwa. Ndetse bizatuma bigorana gukurikirana ibindi usaba.

Ni gute wakwitegura ibazwa?

- Soma amabwiriza n'inyandiko wahawe n'ubuyobozi mbere y'ibazwa uri kumwe n'uguhagarariye mbere y'ibazwa. Ni ingenzi ko nanone iteka wasoma inyandiko ku buryo bwa Dublin. Niba udafite izi nyandiko, wazisanga ku rubuga rwa Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland: migri.fi/en/brochures-and-publications. Ushobora kuzisanga muri ‘Ubuhingiro n'Uburyo bwa Dublin (Asylum and the Dublin procedure)’.
- Niba ufite impamvu yumvikana yatuma usaba ko umusemuzi cyangwa ugukoresha ibazwa yaba ari umugabo cyangwa umugore, yibwire uguhagarariye mbere y'ibazwa. Bazamenyesha Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ibyo ushaka. Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izasuzuma niba iyo mpamvu yumvikana.
- Niba uko ubuzima bwawe buhagaze bishobora kubangamira ibazwa ryawe kubw'impamvu runaka, bwira uguhagarariye cyangwa umukozi ushinzwe kwakira abatugana mbere y'igihe.

- Umukozi ushinzwe kwakira abatugana azakora ibishoboka uhabwe ibazwa. Ukwiye gutegura neza gahunda z'ingendo zawe ufatanyije n'abajyanama bawe mbere y'itariki ry'ibazwa.
- Ushobora gusaba umukozi ushinzwe kwakira abatugana kuguha ibiryo byapfunyitswe bya saa sita cyangwa amafaranga y'ibiryo bya saa sita.
- Uze witwaje ibiti yose ukenera mu munsi.
- Nanone witwaze inyandiko zose na raporo zijyanye n'ubusabe bwawe.

Ibyo ukwiye gukora ku munsi w'ibazwa kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland

- Ntushobora guhindura itariki y'ibazwa udatanze impamvu yumvikana. Niba urwaye ku munsi w'ibazwa, bibwire umukozi ushinzwe kwakira abatugana ukihagera. Uguhagarariye agomba kohereza raporo wahawe n'umuforomo cyangwa n'umuganga ku mukozi ushinzwe kwakira abagana kuri serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland nibura icyumweru kimwe nyuma y'itariki y'ibazwa. Uramutse unaniwe kuza mw'ibazwa nta mpamvu yumvikana watanze, umwanzuro ku busabe bwawe ushobora gufatwa nta bazwa ribayeho.
- Uguhagarariye n'umwunganizi wawe mu mategeko muzabana mw'ibazwa.
- Mu gihe uje ku nyubako za Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland, igenzura ry'umutekano uzarikorerwa.
- Wereke umukozi ushinzwe umutekano kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ikarita y'umukiriya iyo wahawe n'umukozi ushinzwe kwakira abatugana.
- Uretse abantu batumiwwe mw'ibazwa, n'abandi bantu bemerewe mbere y'igihe na Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland, nibo bashobora kuza mu cyumba gitegererezwamo.
- Niba wifuza kuzana umuntu wo kugufasha, uguhagarariye cyangwa umuntu wo kugufasha agomba kubisaba mu nyandiko kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland mbere y'ibazwa. Bitari ibyo, ugukoresha ibazwa azafata umwanzuro ibazwa rigitangira niba umuntu wo kugufasha mwagumana. Umuntu wo kugufasha si umwunganizi mu mategeko, ndetse ntibagira uruhare mu gusuzuma ikibazo cyawe.
- Ugukoresha ibazwa ni umukozi wa Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland. Uyu mukozi ashobora kuzaba ahibereye imbonankubone cyangwa akakubariza kw'ihuza rya videwo.
- Ibazwa rizafatwa amajwi n'amashusho. Hariho nanone kamera za CCTV zifata amashusho mu cyumba.
- Ushobora gufata akaruhuko mu gihe cy'ibazwa niba ubikeneye. Ushobora gusaba akaruhuko igihe icyo aricyo cyose.

Mu gihe cy'ibazwa bigenda bite?

- Ugukoresha ibazwa azabanza agusobanurira uko bizagenda mw'ibazwa ndetse akore ibishoboka usobanukirwe uburenganzira n'inshingano byawe. Niba hari icyo utumvise, baza. Niba utumvise umusemuzi, bivuge.
- Ugukoresha ibazwa azakuba aya makuru akurikira:
  - umwirondoro wawe
  - amakuru ku muryango wawe n'abo mufitanye isano bari mu Burayi
  - Amakuru ku mpushya zawe zo gutura, visa n'ubusabe bw'ubuhungiro mu bindi bihugu
  - amakuru y'aho watuye mu Burayi mbere yo kuza muri Finland
  - ingendo z'aho wanyuze kugeza ugeze muri Finland
  - impamvu utekereza zatuma udakwiye kwirukanwa muri Finland (‘kwimwa ubuhungiro’)
  - impamvu utekereza zatuma ubusabe bwawe bukwiye gutunganyirizwa muri Finland niba wari warahawe ubuhungiro mu kindi gihugu runaka
  - uko wumva byakumerera uramutse wirukanwe muri Finland (‘gukurwa mu gihugu’) no gukumirwa kuza muri Finland (‘kwangirwa burundu kwinjira’)
- Uguhagarariye cyangwa umwunganizi mu mategeko ntibashobora kugusubiriza ibibazo. Bashobora kukugira inama mu gihe cy'ibazwa ndetse bakakwibutsa ikintu cy'ingenzi waba warigeze kubabwira.
- Mw'ibazwa, ushobora guha Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland amakuru ashobora kugira ingaruka ku busabe bwawe. Nk'urugero, niba ukekwaho icyaha muri Finland, cyangwa niba wari wahamijwe icyaha muri iki gihugu, ibi bishobora kugira ingaruka mu gutunganya ubusabwe bwawe muri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland. Niba bikenewe, Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izaguha amahirwe yo kuvuga icyo utekereza kuri icyo kibazo mu gihe cy'ibazwa.
- Ugukoresha ibazwa azakoresha mudasobwa mu kwandika ibyo buri muntu avuga mu gihe cy'ibazwa. Ibi yandika byitwa inyandikomvugo. Mu mpera z'ibazwa, umusemuzi azagusomera inyandikomvugo. Babwire niba hari icyo wumva bibeshyeho muri inyandikomvugo. Ushobora nanone kongera amakuru muri inyandikomvugo. Nyuma y'ibi, inyandikomvugo izashyirwaho umukono ndetse uguhagarariye azahabwa kopi yayo.

Ni gute Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ifata imyanzuro?

- Amabwiriza ya Dublin agena impamvu zitandukanye zituma igihugu runaka aricyo cyaba gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe. Dore izo mpamvu: 1) abantu bo mu muryango batuye mu bihugu bikoresha Dublin, 2) visa cyangwa uruhushya rwp gutura mu bihugu bikoresha Dublin, 3) utuye cyangwa ari kunyura mu bihugu bikoresha Dublin, cyangwa 4) ahandi wabanje gusaba ubuhungiro. Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izasuzuma izi mpamvu zose kugira ngo harebwe impamvu ziteganywa n'Amabwiriza ya Dublin.
- Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland izafata umwanzuro ku kibazo cyawe ishingiye ku makuru watanze mw'ibazwa n'izindi nyandiko watanze. Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland ishobora nanone gukoresha amakuru afitwe na leta mu gushaka amakuru ashimangira umwanzuro wayo.
- Uramutse ushatse kuduha andi makuru nyuma, yahe uguhagarariye cyangwa umwunganizi mu mategeko, nabo bazayohereza kuri Serivisi ishinzwe Ubwimukira muri Finland. Ntabwo tuzaganira ubusabe bwawe kuri terefoni kuko tudashobora kumenya umwirondoro w'uwo tuvugana.
- Niba hafashwe umwanzuro wo kukohereza mu kindi gihugu (‘kwimwa cyangwa guhabwa ubuhungiro’), ushobora kujuririra uwo mwanzuro. Ushobora nanone gusaba urukiko kukwemerera kuguma muri Finland kugeza urukiko rumaze gutunganya ubujurire bwawe.
- Niba ubusabe bwawe budasuzumwe ushobora kwirukanwa muri Finland (‘kwimwa cyangwa guhabwa ubuhungiro’) cyangwa ukabwirwa ko udashobora kuzaza muri Finland (‘kwangirwa burundu kwinjira’).